



Sobanukirwa iby'Igihembwe cy'Urugaryi rwa 2026 cy'Umunyeshuri wawe Indangamanota y'Isuzumabumenyi y'Umwaka muri Maine

Igipimo cy'Amanota muri Maine

Imirongo y'amabara, ishushanyije itambitse ku ndangamanota y'umunyeshuri wawe igaragaza igipimo cy'amanota y'umunyeshuri wawe muri Maine. Aya manota apima imikorere y'umunyeshuri wawe muri iri suzuma hashingiwe ku bushobozi bw'ingenzi mu gusoma n'imibare mu mwaka yigamo hagendewe ku bipimofatizo bya leta ku kigero cye.

Isuzuma ryo gusoma mu cyiciro cya 6 ripima ubushobozi nko:

- Gukoresha ingero n'ibyavuzwe mu gusobanura inyito y'inkuru, imikino, imivugo, n'inyandiko ikubiyemo amakuru.
- Kumenya uko imiterere y'inkuru, umukino, cyangwa umuvugo bihura no gushyira umutwe, aho byabereye, cyangwa urukurikirane.
- Kumenya imitekerereze y'ubara inkuru cyangwa uvuga.
- Gusobanura uko umwanditsi akora igitekerezoshingiro cy'ubara inkuru cyangwa uvuga mu nyandiko.

Isuzuma ry'imibare mu cyiciro cya 6 ripima ubushobozi nko:

- Gusobanukirwa uko ibikubo n'inshuro bihuye no kukuba no kugabanya.
- Gukoresha ibikubo n'inshuro mu gukemura ihurizo.
- Gusobanukirwa uko bagabanya imigabane mu buryo bwuzuye.
- Kumenya byimbitse imibare umenya imibare iri muni no hejuru ya zero.
- Kwandika, gusobanukirwa, no gukoresha ibyavuzwe n'amahurizo.

Igipimo cy'Amanota muri Maine gihuzwa n'urugero rw'ibyo Yagezeho aho bisobanura neza imikorere y'umunyeshuri hagendewe kubyo leta imutegerejeho. Urugero rw'ibyo Yagezeho ni Muni cyane y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Muni y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Ibyo Leta Imutegerejeho, no Hejuru y'Ibyo Leta Imutegerejeho.

Igikoreshe Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho

[Igikoreshe Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho](#) gitanga amakuru arambuye ku bipimofatizo mu myigire runaka byasuzumwe kuri buri cyiciro n'ibikubiye muri ibyo bipimofatizo mu bushobozi butandukanye kuri buri rugero rw'ibyo yagezeho.



Uko wabona Igikoreshe Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho